**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Rwamagana, kuwa 03/05/20
N° 294 /07.05.01

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma,**
**NGOMA**

**Impamvu: Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 20/04/2018**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku myanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 20/04/2018 yangezeho kuwa 26/04/2018;

Ndabashimira imyanzuro mwafashe, nkaba nsaba ko mwatangira kuyishyira mu bikorwa.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
**KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
**NGOMA**

P.O. Box 30 Rwamagana, Tel: 0252567931, Email: info@easternprovince.gov.rw,
Website: www.easternprovince.gov.rw

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Rwamagana, kuwa 03/05/2018
N° 294 /07.05.01

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

OFFICE OF THE MAYOR
NGOMA DISTRICT
SIGNATURE

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma,**
**NGOMA**

**Impamvu: Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 20/04/2018**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku myanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 20/04/2018 yangezeho kuwa 26/04/2018;

Ndabashimira imyanzuro mwafashe, nkaba nsaba ko mwatangira kuyishyira mu bikorwa.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **NGOMA**

P.O. Box 30 Rwamagana, Tel: 0252567931, Email: info@easternprovince.gov.rw,
Website: www.easternprovince.gov.rw

RI

Budget Re-allocation

Ngoma, kuwa 25/04/2018

No Ref.NJY/ 40 /07.05.06

/2018

Eastern Province
For reception
Date 26 APR 2018
Signature

IN

AK

INAM

Email: discouncilngoma@yahoo.fr

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa **20/04/2018.**

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohererereze ku mugereka w'iyi baruwa Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanamay'Akarere ka Ngoma yo kuwa **20/04/2018.**

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

P.O Dr. [signature]

**BANAMWANA Bernard**

PEREZIDA w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

**Bimenyeshejwe**:

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**KIGALI**

-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma.

10 May 2018

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

**INAMA NJYANAMA**

**Email: discouncilngoma@yahoo.fr**

# IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 20/04/2018

Kuwa gatanu tariki ya **20/04/2018**, Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yarateranye mu nama yayo isanzwe, iteranira mu cyumba gito cy'inama cy'Akarere, iyobowe na Perezida wayo **Bwana BANAMWANA Bernard**. Nk'uko byasobanuwe neza iyi nama ni isanzwe y'igihembwe cya gatatu cya 2017-2018 yagombaga kuba ku itariki ya 28/03/2018 ikaza gusubikwa bitewe n'uko yahuriranye n'umwiherero w'abayobozi mu nzego z'ibanze 2018 wateguwe na MINALOC. Inama yatangiye imirimo yayo i saa tatu (9h00) za mu gitondo , yitabirwa n'Abajyanama 26 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

Abajyanama basabye impushya ni aba bakurikira :

1. **Madamu ISINGIZWE Aline**
2. **Madamu MUSABWASONI M.G. Sandra**
3. **Bwana MUGISHA Narcisse**

Inama yitabiriwe kandi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Ngoma.

Inama yabimburiwe n'umuhango wo kwakira indahiro y'Umujyanama mushya **Bwana HABAKURAMA Oreste** uherutse gutorerwa kuyobora Urugaga rw'Abikorera (PSF) mu Karere ka Ngoma, umwanya yasimbuyeho **Bwana KAZIMIRI Juvens**. Uwo muhango wayobowe na **Bwana NZAYIZERA Rodrigue**, Umujyanama mu by'Amategeko w'Intara y'Iburasirazuba akaba ariwe Guverineri w'Intara yari yahaye ubwo bubasha; indahiro kandi yakiriwe

na Visi Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma **Bwana UWIZEYIMANA Jean Pierre**

Mu ijambo rye atangiza inama, Perezida w'Inama Njyanama y'Akerere ka Ngoma, yahaye ikaze abitabiriye inama abifuriza kugira inama nziza batanga ibitekerezo ku ngingo zari ku murongo w'ibyigwa.

By'umwihariko yahaye ikaze Intumwa ya Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba ndetse n'Urukiko baje muri gahunda yo kwakira indahiro y'umujyanama mushya.

Yahise agaragaza ingingo ziri ku murongo w'ibyigwa arizo:

1. Kwakira indahiro y'Umujyanama mushya uhagarariye Urugaga rw'Abikorera (PSF) mu Karere;
2. Gusomerwa inyandikomvugo y'Inama Idasanzwe yo kuwa 02/02/2018 n'iy'inama isanzwe yo kuwa 17/11/2018 ,kuzikorera ubugororangingo no kuzemeza;
3. Kwakira raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yo kuwa 17/11/2017 no kuwa 02/02/2018
4. Gufata imyanzuro ku byavuye mu nama y'Abaperezida;
5. Ibintu n'ibindi

Hakurikiyeho kwiga ingingo kuyindi no gufata imyanzuro ku buryo bukurikira:

**<u>INGINGO YA MBERE</u>: Kwakira indahiro y'Umujyanama mushya uhagarariye Urugaga rw'Abikorera (PSF) mu karere.**

Nyuma yo kubashimira, Perezida w'Inama Njyanama yahise aha umwanya Intumwa ya Guverineri **Bwana NZAYIZERA Rodrigue** aba ariwe uyobora umuhango w'irahira nk'uko biteganywa n'ingingo ya 6 y'Iteka rya Minisitiri No 002/07.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage.

Indahiro ya **Bwaana HABAKURAMA Oreste** yakiriwe na Visi Perezida w'Urukiko rwisumbuye rwa Ngoma **Bwana UWIZEYIMANA Jean Pierre.**

.**Umwanzuro wa 1**: Nyuma y'umuhango Inama Njyanama yemeje ko **Bwana HABAKURAMA Oreste** abaye umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere ka Ngoma ihita inamwemeza ku rutonde rw'abagize Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu.

**INGINGO YA KABIRI: Gusoma , gusesengura , gukora ubugororangingo no kwemeza inyandikomvugo y'Inama Idasanzwe yo kuwa 02/02/2018 n'iy'inama isanzwe yo kuwa 17/11/2018**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama yasomye izo nyandikomvugo zombi ahereye kuyo kuwa 17/11/2017 akomereza kuyo kuwa 02/02/2018

**Umwanzuro wa 2:** Nyuma yo gukorera ubugororangingo inyandikomvugo z'Inama Njyanama zo kuwa 17/11/2017 no kuwa 02/02/2018, abitabiriye Inama y'Inama Njyanama barazemeje.

**INGINGO YA GATATU: Kwakira raporo raporo y'ishyirwamubikorwa Ry'imyanzuro y'Inama z'Inama Njyanama Zo kuwa 17/11/2017 no kuwa 02/02/2018.**

Umuyobozi w'Akarere **Bwana NAMBAJE Aphrodise** yagejeje ku Nama Njyanama y'Akarere raporo y'aho Komite Nyobozi igeze ishyira mu bikorwa Imyanzuro y'Inama z'Inama Njyanama ebyiri ziheruka(Isanzwe n'idasanzwe)`

**Umwanzuro wa 3**: Nyuma yo kugezwaho raporo n' Umuyobozi w'Akarere ku ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro, Inama Njyanama yemeje ko iyo raporo ihabwa komite y'ubugenzuzi mu Nama Njyanama ikayisuzuma mbere yo kuyigarura mu nama njyanama itaha.

**INGINGO YA KANE: Gufata imyanzuro ku byavuye mu nama Y'Abaperezida**

Nyuma yo gusoma no kungurana ibitekerezo ku bikubiye mu nyandikomvugo y'Inama y'Abaperezida bagize Inama Njyanama y'Akarere yo kuwa 18/04/2018; Inama Njyanama yafashe imyanzuro ikurikira:

**Umwanzururo wa 4.** Ku ibaruwa **Madamu KABAGEMA Josephine** mwene KABAGEMA Christophe wa NYIRINGONDO Simon yandikiye Inama Njyanama asaba ingurane ku masambu yabo abiri (2) ari mu Murenge wa ZAZA, isambu imwe (1) iri mu Murenge wa KAREMBO n'indi imwe (1) iri mu Murenge wa MUGESERA. Inama Njyanama yafashe umwanzuro wo kutamwemerera iyo ngurane kubera ko I ZAZA ahigeze kuba ah'uwo muryango, bamaze guhunga mu 1960 hatujwe abandi baturage benshi, naho I KAREMBO na MUGESERA ntihigeze haba ah'uwo muryango ahubwo abaturage bemeza ko HARI ISAMBU ya Leta kuko NYIRINGONDO yahatuye nk'uko n'abandi batware bagiye



NBS

bahasimburana mu gutura mu ngo zari zihari; ubu hari ikibuga cy'umupira gikoreshwa ku nyungu rusange. Uwo muryango ushobora kuzasaba gutuzwa mu gihe bazaba bagarutse mu RWANDA.

**Umwanzuro wa 5:** Ku ibaruwa **Bwana NIKOBASANZWE Salomon** wo mu Murenge wa RUKIRA yandikiye Inama Njyanama asaba uburenganzira bwo kwibaruzaho ubutaka bwe yahawe na se **NTAHWIDAKIRIZA Viateur** ariko ngo ubu bukaba bwariswe ubwa Leta, Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma imwimye ubwo burenganzira kuko ubutaka atari ubwe ahubwo ni ubwa Leta koko kubera ko NTAHWIDAKIRIZA n'ubwo ahamya ko yabuguze mu 1988, nta masezerano y'ubugure agaragaza.

**Umwanzuro wa 6:** Ku ibaruwa **Bwana RWAMPUNGU Francois** wo mu Murenge wa GASHANDA yandikiye Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma asaba gusubizwa ubutaka bwe yari yarahawe na Leta ngo abutureho agihunguka mu 1994, nyuma akaza kwigurira ubundi ari nabwo yatuyemo; igihe cy'iyandika ry'ubutaka, bwa butaka yari yarahawe bwandikwa kuri Leta. Inama Njyanama yahakanye kumusubiza ubwo butaka kuko byagaragaye ko adakeneye gutuzwa bitewe n'uko afite aho atuye.

**Umwanzuro wa 7:** Ku ibaruwa Umuyobozi w'ikigo cy'ishuri **ES KABIRIZI** yandikiye Inama Njyanama asaba ko ikigo abereye umuyobozi cyatizwa ubutaka bw'igishanga bwo guhingamo imboga. Inama Njyanama yaramuhakaniye kuko icyo kigo cy'amashuri n'ubundi kigeze gutizwa ubwo butaka aho kubuhinga kibukodesha Koperative.

**Umwanzuro wa 8** : Ku ibaruwa Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma **Bwana NAMBAJE Aphrodise** yandikiye Inama Njyanama ayisaba kwimura amafaranga angana na Miliyari imwe, Miliyoni magana icyenda na mirongo itandatu n'eshanu n'ibihumbi magana arindwi na mirongo itanu na bitandatu na Magana atandatu n'atatu y' amanyarwanda (1,965,756,603 Rwf) ; mu ngengo y'imari ya **2017-2018** agashyirwa mu Ngengo y' Imari ya 2018-2019 y' inkunga umushinga **NELSAP** wateye Akarere kuko bigaragara ko ibikorwa agomba gukoreshwamo bigomba kubanza gukorerwa inyigo. Inama Njyanama imaze kumva ibisobanuro birambuye by'Umugenga w'Ingengo y'Imari y'Akarere **Bwana KANAYOGE Alex**, yemeje ko bikorwa. Inama Njyanama y'Akarere yasabye kandi Umugenga w'Ingengo y'Imari y'Akarere ko bareba n'andi mafaranga ari kuri iyi ngengo y'imari 2017-2018 bigaragara ko atazashobora

gukoreshwa ubusabe bwo kuyakuramo bugashyikirizwa Inama Njyanama vuba.

**Umwanzuro wa 9:** Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma imaze kubona ko ibivugwa ko **81,7%** by'abaturage b'Akarere ka Ngoma bafite amazi meza atari byo, yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gutegura ishusho y' ikwirakwiza ry'amazi meza mu Karere bikazigwaho mu nama y'Inama Njyanama itaha.

**Umwanzuro wa 10:** Ishingiye ku byavuye mu ngendo Komisiyo y'Imibereho myiza yagiriye mu Mirenge ya GASHANDA, MUGESERA, RUKIRA na MURAMA ku matariki ya 23 na 28 Gashyantare 2018, Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yasabye Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage gufatanya n'abandi bahuriye muri Social Cluster bagategura ibipimo" Standards" by'isuku bizashyikirizwa Inama Njyanama ikabyemeza mu nama yayo itaha.

**Umwanzuro wa 11:** Ku ibaruwa Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma **Bwana NAMBAJE Aphrodise** yandikiye Inama Njyanama ayisaba kwemeza abagize Inama Nyobozi "Board" y'Ikigo cy'Urubyiruko cy'Akarere ka Ngoma nk'uko amabwiriza No 01/07 yo kuwa 10/07/2017 ya Minisitiri w' Urubyiruko n' Ikoranabuhanga agena imiterere, inshingano n' imikorere by' ibigo by' Urubyiruko mu Rwanda abiteganya.
Abo Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yemeje ni:

1. Perezida: Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Ubukungu n'Iterambere, Bwana RWIRIRIZA Jean Marie Vianney;
2. Visi Perezida: Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu Karere ka Ngoma, Bwana HAKIZIMANA Augustin;
3. Umwanditsi: Umuhuzabikorwa w'Ikigo cy'urubyiruko gikorera ku rwego rw'Akarere, Bwana NTIHABOSE Anastase, Uyu ntatora mu gufata ibyemezo.
4. **Abajyanama batanu**:

A) Perezida w'Urugaga rw'abikorera mu Karere: Bwana HABAKURAMA Oreste
B) Perezida wa JADF Y'Akarere: Dr. KANOBANA Mathusalem;
C) Uhagarariye amadini n'amatorero mu Karere: Bishop MUGASA Joseph;
D) Umuyobozi w'Ishami ry'ubuzima mu Karere: Madamazela DUKUZIMANA Marie Alice;
E) Umubyeyi uhagarariye abandi: Madamu MUKARUTESI Chantal

**Umwanzuro wa 12:** Ku kibazo cy'Umukozi w'Akarere ka Ngoma **Bwana NIYONGABIRE Janvier** wandikiye Inama Njyanama ajuririra amanota yahawe mu isuzumabushobozi rya 2016-2017; aho avuga ko amanota y' ibikorwa yahawe ari 56/70 ahwanye na 80%; naho amanota y' imyitwarire akaba 18/30 ahwanye na 60%; yose hamwe aba **74%.** Nyuma yo kubona raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere, Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yemeje ko amanota uwo mukozi yahawe aguma atyo.

Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yaboneyeho gusaba abashinzwe imicungire y'abakozi mu Karere kurushaho gukurikiza amategeko no kwita kuri dosiye z'abakozi.

**Umwanzuro wa 13**: **IRAGENA Christine** wo mu Murenge wa RURENGE, Akagari k'AKAGARAMA, yandikiye Inama Njyanama asaba ko yakwiyandikishaho ubutaka yaguze. Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iki kibazo, abagize Inama Njyanama batoreye umwanzuro wo guha **IRAGENA Christine** uburenganzira yasabwe ku bwiganze bw'amajwi 21/22 y'abari mu nama, 1 yarifashe.

Inama Njyanama yaboneyeho gusaba Komite Nyobozi y'Akarere kwandikira inzego z'ubuyobozi ziri munsi y'Akarere kutazongera gufata ku butaka bwa Leta nta burenganzira.

**Umwanzuro wa 14:** Kubirebana na Komite y'ubugenzuzi ituzuye, Inama Njyanama y'Akarere yemeje ko **Bwana KIMENYI Martin** aba umwe mu bagize iyo Komite kandi yahise anemezwa kuba Perezid wayo.

**Umwanzuro wa 15:** Ku birebana n'icyumweru cyahariwe Abajyanama, Inama Njyanama yasabye Komisiyo y'imiyoborere myiza gufatanya n'abakozi bo mu ishami ry'Imiyoborere mu Karere ndetse n'umukozi wo mu biro by'Inama Njyanama bagategura "Concept note" ya gahunda yiswe" **Umujyanama mu baturage**"; yuzuzanya na gahunda y' **"Urunana mu mihigo"** dusanganywe.

**Umwanzuro wa 16**: Inama Njyanama y'Akarere yemeje ko mbere y'uko abagize Komisiyo bajya gukurikirana ikibazo cyagejejwe ku Nama Njyanama, hazajya habanza kujyayo itsinda ry'abatekinisiye b'Akarere; bakore raporo noneho abajyanama bajye babanza basesengure izo raporo.

**Umwanzuro wa 17**: Inama Njyanama imaze kubona ko igezwaho ibibazo byinshi bikeneye gufatwaho imyanzuro hashingiwe kuri raporo n'ibimenyetso cyane cyane ibirebana n'ubutaka, yasabye ko hagurwa Camera izajya yifashishwa mu gufata amajwi n'amashusho.

Inama Njyanama yashoje imirimo yayo saa kumi n'imwe z' umugoroba(17h00).

**Bikorewe i Ngoma kuwa 20 Mata 2018**

Umwanditsi w'Inama

**MUKANKURANGA Beatrice**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Ngoma

Umuyobozi w'Inama

P.O. Dr KANOBANA A

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Ngoma

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA NGOMA
INAMA NJYANAMA
Email: discouncilngoma@yahoo.fr

## URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 20/04/2018.

| No | AMAZINA | IGITSINA | | UMURENGR | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| | | GORE(F) | GABO(M) | | |
| 1 | Dr UWANOBANA M | — | M | SAKE | |
| 2 | Mukankuranga Béatrice F | — | | Kibungo | |
| 3 | BANAMWANA [illegible] | | M | Zaza | |
| 4 | GASANA Jean de Dieu | | M | Murama | |
| 5 | HAKIZIMANA Augustin M | | M | KIBUNGO | |
| 6 | KABENYANA Candide | F | | Rukumberi | |
| 7 | KAYITESI Fausta | F | | Kammugo | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 8 | MBARANGA Eudence Genes | ~~M~~ | M ~~MURAMA~~ | MURAMA | [signature] |
| 9 | MUENRAREZA K. Thierry | — | M | RURENGE | [signature] |
| 10 | KIMENYI Marthy | — | M | KAZO | [signature] |
| 11 | MUKAMBANGA Marie | F | — | JARAMA | [signature] |
| 12 | MUKAMKUNZI Pélagie | F | — | MUGESERA | [signature] |
| 13 | MUKARUTESI Chantal | F | — | KIBUNGO | [signature] |
| 14 | MULIGO Wenceslas | | M | KAREMBO | [signature] |
| 15 | MUSONERA Ephrem | | ✓ | Mugesera | [signature] |
| 16 | Dr. NAYANAYA William | I | M | Rukumberi | [signature] |
| 17 | SINAYOBYE Innocent | ~~F~~ | M | Murama | [signature] |
| 18 | UMUHIRE M. Providence | F | — | SAKE | [signature] |
| 19 | UWIMANA Florence | F | — | KAZO | [signature] |
| 20 | Rurangwa Cuban | ~~F~~ — | M | GASHANDA | [signature] |
| 21 | KIRENGA Providence | F | — | KAZO | [signature] |
| 22 | Aphrodise Ndabaje | ~~M~~ | M | KIBUNGO | [signature] |
| 23 | KAMANZI John | | M | MUTENDELI | [signature] |
| 24 | UWINGABIRE Fausta | F | | Gashanda | [signature] |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | |
| 25 | RWIRIRIZA J.M.V | | M | RUKIRA | |
| 26 | HABAKURAMA Oreste | | M | KIBUNGO | |
| 26 | | | | | |
| 27 | | | | | |
| 28 | | | | | |
| 29 | | | | | |
| | BOSE | 10 | 16 | | |